
REB
Rwanda Education Board

# Bana dukunde kwiga



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Bana dukunde kwiga



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro
2
cya kabiri cyo gusoma

IRAKOZE Noëla, yanditse iyi nkuru afite imyaka 11, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri Abanza cya Nyaruziba, Akarere ka Nyagatare, Intara y'Iburasirzuba. Iyi nkuru ye, BANA DUKUNDE KWIGA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Devota yiga mu mwaka wa kabiri.



Iwabo batuye ku Mudugudu wa Cyabayaga.



Devota akunda kwiga cyane.



Ababyeyi be bahora babimutoza.



Umunsi umwe yavuye ku ishuri ababaye.



Se na nyina bamubaza icyo yabaye.



Abasubiza n'amarira menshi.



Ababwira ko yabonye zeru mu ishuri.



Ababyeyi be babyumvise baramuhoza.



Bamubwira ko bazajya bamufasha.




Devota abereka ikibazo cyamunaniye.




Ababyeyi bamwereka uko gikorwa.




Devota ahita yishima cyane.





Atangira gusubiramo, asubiza icyo kibazo.



Nuko Devota arushaho gusobanukirwa.




Mu ishuri ntarangara, akurikira neza.




Ubu ni umuhanga mu ishuri ryabo.




Ni na we usobanurira bagenzi be.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA